# Uzarya tungurusumu cyangwa se igitunguru, ajye atwitarura cyangwa se yaravuze ati: Ajye yitarura umusigiti wacu, ahame iwe mu rugo

Hadith yaturutse kwa Djabir Ibun Abdillah (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Uzarya tungurusumu cyangwa se igitunguru, ajye atwitarura cyangwa se yaravuze ati: Ajye yitarura umusigiti wacu, ahame iwe mu rugo." Yanavuze kandi ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bayizaniye isafuriya irimo imboga zitandukanye, yumva umwuka wazo maze irabaza bayibwira ubwoko bwazo, Djabir aravuga ati: Bazegereza bamwe mu basangirangendo bayo bari kumwe, ubwo yayibonaga nawe yanga kuzirya nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga iti: "Rya kuko njye nganira n'abo utaganira nabo (Abamalayika)."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije umuntu wariye tungurusumu cyangwa se ibitunguru kuza mu musigiti kugira ngo atabangamira bagenzi be bitabiriye iswalat y'imbaga, kubera impumuro ye, ni mu buryo bwo kubuza kuza ku musigiti, ntabwo ari ukuboza kubirya, kuko biri mu byo kurya byemewe. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kandi bayizaniye isafuriya irimo imboga, yihumurije yumva impumuro yindi bayibwira ubwoko bwazo yanga kuzirya ahubwo izegereza abasangirangendo bayo ngo bazirye, Djabir yanga kuzirya mu rwego rwo kugera ikirenge mu cye, ubwo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yamubonaga yaramubwire iti: Rya, kuko njye nganira n'abamalayika mu butumwa bampishurira. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yanavuze ko abamalayika babangamirwa n'impumuro mbi nkuko ariko binagendekera abantu.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee